## Bumwe mu buryo buhita bukoreshwa ukimara kubyara abantu benshi batamenya ni uburyo bw'agapira ko mu mura

### Uburyo bw'agapira ko mu mura ni iki ?

Agapira ko mu mura ni agapulasitike gato, kazengurutswe n'umuringa gashyirwa mu mura w'umugore kakabuza intanga ngabo guhura n'intanga ngore.



### Ni nde ushobora gukoresha agapira ?

Umugore wese udatwite ashobora gukoresha agapira

### Ni ryari ushobora gutangira gukoresha agapira nyuma yo kubyara ?

- Iyanyuma ikimara gusohoka, kugeza ku masaha 48 nyuma yo kubyara
- Uhereye kubyumweru 4 umaze kubyara na nyuma yaho

### Ibyiza by'agapira

- Uburyo bwizewe
- Iyo ubufashe nta mvune yo guhora usubira kwa muganga.
- Uburyo bw'igihe kirekire.
- Imibonano mpuzabitsina ntihinduka
- Uburumbuke buhita bugaruka ukimara gukuramo agapira
- Uburyo bukoreshwa n'abagore bonsa
- Uburyo bw'ibanga

### Ingaruka zishoboka ku mugore ukoresha agapira

- Ku bagore bake cyane bashobora kuribwa munda mugihe cy'imihango.
- Ku bagore bake cyane imihango ishobora kuba myinshi
- Ku bagore bake cyane agapira gashobora gusohoka

### Wamenyesha nde ugize ikibazo cyangwa impungenge

Ugize ikibazo wamenyesha umuforomo cyangwa umuganga wese wo ku kigo nderabuzima cyangwa ibitaro bikwegereye.




### Ni he wabona agapira ? Ku kihe kiguzi?

- Agapira kaboneka mu bigo nderabuzima no mu bitaro bifite abakozi babihuguriwe
- Nk'ubundi buryo bwose bwo kuboneza urubyaro agapira nta kiguzi gasaba.


**Gutegereza byibura imyaka 2 mbere yo kongera gusama bituma umubyeyi n'umwana bagira ubuzima bwiza, bikagabanya impfu z'abana n'ababyeyi**

USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE · fhi360 THE SCIENCE OF IMPROVING LIVES · Jhpiego an affiliate of Johns Hopkins University

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUZIMA**

# KUBONEZA URUBYARO UKIMARA KUBYARA



Umuryango wagombye gutekereza ku buryo bwo kuboneza urubyaro bagitwite, kubera ko umugore wese ashobora gusama adasubiye mu mihango nyuma yo kubyara iyo adakoresheje uburyo bwizewe bwo kuboneza urubyaro.

## Uburyo bushoboka gukoreshwa nyuma yo kubyara

Hari uburyo bwinshi bwo kuboneza urubyaro bushobora gukoreshwa nyuma yo kubyara kugira ngo wirinde guhita wongera gusama

## Akibyara kugeza ku masaha 48

- Uburyo bwo kwonsa ntakindi uha umwana
- Agapira ko mu mura
- Agakingirizo k'umugabo cyangwa umugore
- Ibinini bigizwe n'umusemburo umwe k'umugore utonsa
- Inshinge n'udupira two mu kuboko k'umugore utonsa.
- Gufunga burundu k'umugore
- Gufunga burundu k'umugabo

## Kuva ku masaha 48 kugeza kubyumweru 6 nyuma yo kubyara

- Uburyo bwo kwonsa ntakindi uha umwana
- Agakingirizo k'umugabo cyangwa umugore
- Ibinini bigizwe n'umusemburo umwe k'umugore utonsa
- Inshinge n'udupira two mu kuboko ku mugore utonsa
- Ibinini by'imisemburo 2 ku mugore utonsa guhera ku byumweru bitatu
- Gufunga burundu k'umugabo

## Kuva ku byumweru 6 kugeza ku mezi 6 nyuma yo kubyara

- Uburyo bwo kwonsa nta kindi uha umwana
- Agapira ko mu mura (gashobora gukoreshwa kuva ku byumeru 4)
- Ibinini bigizwe n'umusemburo umwe
- Inshinge n'udupira two mu kuboko
- Agakingirizo k'umugabo cyangwa umugore
- Ibinini bigizwe n'imisemburo 2 ku mugore utonsa
- Gufunga burundu k'umugore
- Gufunga burundu k'umugabo

## Kuva ku mezi 6 kugeza ku mwaka nyuma yo kubyara na nyuma yaho

- Agapira ko mu mura
- Ibinini bigizwe n'umusemburo umwe
- Ibinini bigizwe n'imisemburo ibiri
- Inshinge n'udupira two mu kuboko
- Agakingirizo k'umugabo cyangwa umugore
- Gufunga burundu k'umugabo
- Gufunga burundu k'umugore
- Uburyo bw'urunigi iyo imihango yagarutse


**Mubyeyi Igihe cyose ugiye kwa muganga nyuma yo kubyara ( gukingiza umwana, kwisuzumisha nyuma yo kubyara, kwivuza, kuvuza umwana, ….); boneraho gusaba inama zo kuboneza urubyaro**


## Uburyo bukunze gokoreshwa


Konsa gusa


Agapira ko mumura


Urushinge


Ibinini


Udupira two mu kuboko


Agakingirizo k'abagabo



Agakingirizo k'Umugore


Urunigi


Gufunga k'umugore


Gufunga k'umugabo